Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.

D. Amakoperative / Cooperatives / Coopératives

AMABWIRIZA RUSANGE Nº 2100 /2018 – 00012 [614] YO KU WA 12/12/2018 YA BANKI NKURU Y'U RWANDA AGENGA IMITUNGANYIRIZE Y'UMURIMO W'UBWISHINGIZI BUCIRIRITSE

ISHAKIRO

REGULATION Nº 2100 /2018 – 00012 [614] OF 12/12/2018 OF THE NATIONAL BANK OF RWANDA GOVERNING THE ORGANISATION OF MICROINSURANCE BUSINESS

TABLE OF CONTENTS

REGLEMENT Nº 2100 /2018 – 00012 [614] DU 12/12/2018 DE LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA PORTANT L'ORGANISATION DE L'ACTIVITE DE MICRO-ASSURANCE

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya 8: Ibiranga amasezerano y'ubwishingizi buciriritse

Ingingo ya 9: Kubuzwa gutanga serivisi z'ubwishingizi buciriritse zitemejwe

Ingingo ya 10: Gukuraho ukwemerwa kwa serivisi z'ubwishingizi buciriritse

UMUTWE II: IBISABWA MU KWEMERERWA GUKORA UMURIMO W'UBWISHINGIZI BUCIRIRITSE

Icyiciro cya mbere: Kwemerera ikigo cyifuza gukora umurimo w'ubwishingizi buciriritse

Ingingo ya 11: Icyemezo cyangwa uburenganzira bwo gukora umurimo w'ubwishingize buciriritse

Ingingo ya 12: Imari shingiro isabwa Ikigo gishaka gukora umurimo w'ubwishingizi buciriritse

Ingingo ya 13: Dosiye isaba icyemezo

Ingingo ya 14: Ibyitabwaho mu gutanga icyemezo

Article 8: Features of microinsurance contract

Article 9: Prohibition to sell unapproved microinsurance products

Article 10: Revocation of approval of microinsurance product

CHAPTER II: LICENCING AND AUTHORISATION REQUIREMENTS TO CARRY OUT MICROINSURANCE BUSINESS

Section One: Licensing requirements for dedicated microinsurers

Article 11: License or authorisation to carry out microinsurance business

Article 12: Required capital for a dedicated microinsurer

Article 13: Application file for a license

Article 14: Criteria for granting a lincense

Article 8: Caractéristiques de contrat de micro-assurance

Article 9: Interdiction de vendre des produits de micro-assurance non- approvés

Article 10: Révocation de l'approbation de produit de micro-assurance

CHAPITRE II: CONDITIONS D'AGREMENT ET D'AUTORISATION POUR EXERCICE DE L'ACTIVITE DE MICRO-ASSURANCE

Section première: Conditions pour l'agrément d'un micro-assureur spécialisé

Article 11: Agrément ou autorisation d'exercer une activité de micro-assurance

Article 12: Capital exigé pour micro-assureur spécialisé

Article 13: Dossier de demande de l'agrément

Article 14: Critères d'octroi de l'agrément

Ingingo ya 31: Isesengura rishingiye ku mibare y'ubwishingizi	**Article 31: Actuarial assessment**	**Article 31: Analyse actuarielle**
Ingingo ya 32: Ubwishingizi bw'abishingizi	**Article 32: Reinsurance**	**Article 32: Réassurance**
Ingingo ya 33: Kugabana inyungu	**Article 33: Distribution of profit**	**Article 33: Distribution des dividendes**
Ingingo ya 34: Ishyirwaho ry'ibipimo by'ikiguzi cy'ubwishingizi buciriritse	**Article 34: Establishment of premium rates**	**Article 34: Établissement des taux de prime**
Ingingo ya 35: Guhindura ibipimo by'ikiguzi cy'ubwishingizi	**Article 35: Change in premium rates**	**Article 35: Modification des taux de prime**
Ingingo ya 36: Icunga mutungo n'ibaruramari	**Article 36: Accounting and financial statements**	**Article 36: Comptabilités et états financiers**
UMUTWE WA V: AMASEZERANO Y'UBWISHINGIZI BUCIRIRITSE NDETSE N'IYEMEZWA RYA SERIVISI Z'UBWISHINGIZI BUCIRIRITSE	**CHAPTER V: MICROINSURANCE CONTRACT AND APPROVAL OF MICROINSURANCE PRODUCTS**	**CHAPITRE V: CONTRAT DE MICRO-ASSURANCE ET APPROBATION DES PRODUITS DE MICRO-ASSURANCE**
Icyiciro cya mbere: Amasezerano y'ubwishingizi buciriritse	**Section One: Microinsurance contract**	**Section première: Contrat de micro-assurance**
Ingingo ya 37: Uburyo bwo gukora amasezerano y'ubwishingizi buciriritse	**Article 37: Means of concluding microinsurance contract**	**Article 37: Moyens de conclure un contrat de micro-assurance**
Ingingo ya 38: Gutekereza no kwandika amasezerano y'ubwishingizi buciriritse	**Article 38: Development of microinsurance contracts**	**Article 38: Développement des contrats de micro-assurance**
Ingingo ya 39: Ibisabwa mu masezerano y'ubwishingizi buciriritse	**Article 39: Requirements applicable to microinsurance contracts**	**Article 39: Exigences applicables aux contrats de micro-assurance**

AMABWIRIZA RUSANGE Nº 2100 /2018 – 00012 [614] YO KU WA 12/12/2018 YA BANKI NKURU Y'U RWANDA AGENGA IMITUNGANYIRIZE Y'UMURIMO W'UBWISHINGIZI BUCIRIRITSE

Ishingiye ku Itegeko n° 48/2017 ryo kuwa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 6, iya 8, iya 9, iya 10 n'iya 15;

Ishingiye ku Itegeko n° 52/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigenga imikorere y'umurimo w'ubwishingizi, cyane cyane mu ngingo zayo iya 6, iya 18, iya 20, iya 24, iya 25, iya 26, iya 27, iya 28, iya 29, iya 30, iya 32, iya 33, iya 44, iya 45, iya 46, iya 47, iya 51 n'iya 55;

Ishingiye ku Mabwiriza rusange n° 10/2017 yo kuwa 19/05/2017 agena inyandiko imenyekanisha amakuru y'ingenzi ku bwishingizi n'itangazwa ry'amakuru kuri serivisi z'ubwishingizi ;

Mu rwego rwo gushyigikira no guteza imbere imibereho myiza y'abaturage binyuze mu kurinda ingaruka z'ibyago abakene n'ingo zikennye bahura na zo bityo bikagira uruhare mu kugabanya ubukene;

Mu rwego rwo gutuma isoko ry'ubwishingizi rikora neza, rikorera mu mucyo, rifite umutekano

REGULATION Nº 2100 /2018 – 00012 [614] OF 12/12/2018 OF THE NATIONAL BANK OF RWANDA GOVERNING THE ORGANISATION OF MICROINSURANCE BUSINESS

Pursuant to Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda especially in its articles 6, 8, 9, 10 and 15;

Pursuant to the Law n° 52/2008 of 10/09/2008 governing the organization of insurance business, especially in its articles 6, 18, 20, 24, 25, 26, 27, 28, 29, 30, 32,33, 44, 45, 46, 47, 51 and 55;

Pursuant to Regulation n° 10/2017 of 19/05/2017 determining key facts statement and information disclosure for insurance Products ;

In order to extend social protection through protecting the poor and low-income households against the effects of risks and hence contributing to poverty alleviation and increased access to insurance services;

In the context of maintaining efficient, fair, safe and stable insurance market in the

REGLEMENT Nº 2100 /2018 – 00012 [614] DU 12/12/2018 DE LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA PORTANT L'ORGANISATION DE L'ACTIVITE DE MICRO-ASSURANCE

Vu la Loi n° 48/2017 du 23/09/2017 regissant la Banque Nationale du Rwanda, spécialement en ses articles 6, 8, 9, 10 et 15 ;

Vu la Loi n° 52/2008 du 10/09/2008 portant organisation de l'activité d'assurance, spécialement en ses articles 6, 18, 20, 24, 25, 26, 27, 28, 29, 30, 32,33, 44, 45, 46, 47, 51 et 55;

Vu le Règlement n° 10/2017 du 19/05/2017 déterminant la déclaration des informations clées et la divulgation d'informations sur les produits d'assurance ;

Afin d'étendre la protection sociale à travers la protection des ménages pauvres et à faible revenu contre les effets des risques et, partant, de contribuer à la réduction de la pauvreté;

Dans le cadre du maintien d'un marché de l'assurance efficace, équitable, sûr et stable au kandi ritajegajega mu Rwanda biciye mu kongera umubare w'abafatabwishingizi, Banki Nkuru y'u Rwanda muri aya mabwiriza yitwa « Urwego rushinzwe ubugenzuzi » itegetse:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza rusange agamije

Aya mabwiriza agamije gushyiraho uburyo buboneye kandi bunoze kugirango hakorwe umurimo w'ubwishingizi buciriritse, hagenzurwe abakora umurimo w'ubwishingizi buciriritse, harengerwe abafatabwishingizi buciriritse no kugira ngo uwo murimo utezwe imbere mu Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibirebwa n'aya mabwiriza

Aya mabwiriza areba ibigo bikora umurimo w'ubwishingizi buciriritse, abishingizi batanga serivisi z'ubwishingizi buciriritse, abafatabwishingizi buciriritse n'abahuza mu bwishingizi buciriritse.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya Mabwiriza, amagambo akurikira asobanura:

Rwanda through increase of insurance penetration, the National Bank of Rwanda herein referred to as "the Regulator", decrees:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Regulation

The purpose of this Regulation is to create conducive environment for microinsurance business, regulate microinsurers, protect micro insurance policyholders, promote and develop microinsurance business in Rwanda.

Article 2: Scope

This Regulation applies to dedicated microinsurers, insurers offering microinsurance products, microinsurance policyholders and microinsurance agents.

Article 3: Definitions

In this Regulation, the following terms means:

Rwanda à travers l'accroissement du taux de pénétration de l'assurance, la Banque Nationale du Rwanda, ci-après dénommée «le Régulateur », édicte:

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet du Présent Règlement

Ce Règlement a pour objet la création d'un environnement favorable aux activités de micro-assurance, de réglementer les micro-assureurs, de protéger les souscripteurs de micro-assurance, de promouvoir et de développer l'activité de micro-assurance au Rwanda.

Article 2: Champ d'application

Ce Règlement s'applique aux micro-assureurs spécialisés, aux assureurs proposant des produits de micro-assurance, aux souscripteurs de micro-assurance et aux agents de micro-assurance.

Article 3: Définitions

Dans le présent règlement, les termes ci-après ont les signifient:

1° S**erivisi z'ubwishingizi buciriritse bw'igihe kigufi** : ni amasezerano yerekeye ibintu birimo inzu zicirirtse, amatungo, ibikoresho by'uburobyi, ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi, ubucururzi buciriritse nk'uko buteganywa n'mategeko, amasosiyete y'ubucuruzi aciriritse nk'uko ateganywa n'amategeko, impanuka yaba ikozwe n'umuntu ku giti cye cyangwa itsinda ry';abantu. Zikubiyemo kandi inyandiko mbanzirizamasezerano n'ibikoresho byamamaza izo serivisi;

2° U**mwishingizi utanga serivisi z'ubwishingizi buciriritse :** bifite igisobanuro kimwe n'icyahawe umwishingizi mu Itegeko rigenga umurimo w'ubwishingizi rikurikizwa ;

3° I**kigo gikora umurimo w'ubwishingizi buciriritse:** umwishingizi wahawe icyemzo cyo gukora umurimo w'ubwishingizi buciriritse gusa bwaba ubw'igihe kirekire cyangwa ubw'igihe gito bukorewe hamwe cyangwa bumwe muri bwo;

1° G**eneral micro-insurance product**: any contract covering the belongings, such as, small houses, livestock, fishing gear, agricultural products, business of low income as prescribed by relevant laws, small companies as specified by relevant laws or instruments, any personal accident, either on individual or group basis. They include also proposal form and all marketing materials thereof;

2° I**nsurer offering microinsurance products**: has a meaning as ascribed to insurer by insurance law into force;

3° D**edicated microinsurer**: an insurer licensed to carry on microinsurance business only both life and general or either of them;

1° P**roduit de micro-assurance général:** tout contrat portant sur les biens, tels que les petites maisons, le bétail, les engins de pêche, les produits agricoles, les entreprises à faible revenu, les petites entreprises telles que définies par les lois ou instruments legaux en la matière, accident, que ce soit individuellement ou en groupe. Ils comprennent également le formulaire de proposition et tous les documents de marketing y relatif;

2° A**ssureur proposant des produits de micro-assurance:** a une signification attribuée à l'assureur par la loi des assurances en vigueur;

3° M**icro-assureur spécialisé:** un assureur agrée à exercer seulement l'activité de micro-assurance que ce soit vie et général ou l'un d'eux;

4° **Serivisi z'ubwishingizi buciriritse bw'igihe kirekire:** amasezerano y'ubwishingizi yaba asubiza cyangwa adasubiza ikiguzi cy'ubwishingizi, bwaba ubwishingizi butuma umwishingizi agumana inshingano zikubiye mu masezerano igihe uwafashe ubwishingizi ariho cyangwa atakiriho cyangwa ubwishingizi bw'ubuzima, ubw'uburezi, ubw'inguzanyo, ubwishingizi bw'itsinda, ubwishingizi bw'umuryango, amasezerano y'ubwishngizi bwo mu gushyingura bwaba burimo cyangwa butarimo amasezerano y'inyongera ku mpanuka itewe n'urupfu cyangwa urupfu rutewe gusa n'impanuka byaba ku muntu ku giti cyngwa ku itsinda ry'abantu. Harimo kandi inyandiko mbanzirizamaserzerano n'ibikoresho byamamaza ;

5° **Igurisha ritegeka umuguzi** : ni ubucuruzi aho umuguzi ahabwa serivisi z'ubwishingizi ari uko anemeye kugura ibindi bintu cyangwa izindi serivisi;

6° **Abishingizi basanzwe:** ni abishingizi bahawe icyemezo cyo gukora umurimo w'ubwishingizi busanzwe mbere y'uko aya mabwiriza atangira gukurikizwa ;

4° **Life micro-insurance product:** any insurance contract with or without return of premium, an endowment insurance contract or health insurance contract, education, credit life, group life, family life, funeral insurance contract with or without an accident benefit rider or accidental death only covers either on individual or group basis. They includes also proposal form and all marketing materials thereof;

5° **A connected sale**: a transaction where the purchase of a non-insurance product or service is conditional on the simultaneous purchase of an insurance product;

6° **Existing insurer:** insurers that are licensed as traditional insurers which have been offering microinsurance products or are

4° **Produit de micro-assurance vie:** tout contrat d'assurance avec ou sans remboursement de prime, contrat d'assurance de dotation ou contrat d'assurance maladie, d'éducation, vie crédit, vie de groupe, vie familiale, contrat d'assurance obsèques avec ou sans garantie accidents ou décès accidentel ne couvre que sur une base individuelle ou de groupe. Ils comprennent également le formulaire de proposition et tous les documents de marketing y relatifs;

5° **Vente subordonnée**: une transaction où l'achat d'un produit ou d'un service autre que d'une assurance est conditionnel à l'achat simultané d'un produit d'assurance ;

6° **Assureur existant:** les assureurs agréés en tant qu'assureurs traditionnels qui proposent des produits de micro-assurance

7°**Ingo zikennye :** ni ingo zinjiza amafaranga macye ;

8°**Serivisi z'ubwishingizi buciriritse :** ni serivisi z'ubwishingizi buciriritse bw'igihe gito cyangwa bw'igihe kirekire, inyandiko mbanzirizamasezerano n'ibikoresho byo kwamamaza bifitanyeisano kandi zikaba zujuje imimerere ivugugwa nmu ngingo ya 6 y'aya mabwiriza ;

9° I**nyemezamasezerano y'ubwishingizi buciriritse** :ni amasezerano y'ubwishingizi adashobora kurenza amezi (12) cumi n'abiri ;

10° U**bwishingizi buciriritse** : ni uburyo bwo kurinda ibyago abinjiza amafaranga makeya binyuze muri serivisi zabugenewe zigomba kwishyurirwa ikiguzi cy'ubwishingizi kijyanye n'amahirwe yo kuba ibyo byago byabaho ndetse n'ibyo bishobora kwangiza.Ubwishingizi buciriritse

willing to do so prior to the entry into force of this Regulation;

7° L**ow-income household:** the low-income earning segment of the population ;

8° **Micro-insurance product**: general micro-insurance product or life micro-insurance product, proposal form and all marketing materials in respect to them and fulfilling the criteria specified in article 6 of this Regulation;

9° M**icroinsurance policy:** an insurance policy whose term cannot exceed twelve (12) months;

10° M**icroinsurance:** a financial arrangement aimed to protect low-income people against specific perils through specific products in exchange of regular payment of premium proportionate to the likelihood and cost of the risk involved. Microinsurance includes

avant l'entrée en vigueur du présent règlement;

7° **Menage à faible revenu**: le segment de la population à faible revenu ;

8°**Produit de micro-assurance:** produit de micro-assurance général ou de micro-assurance-vie, formulaire de proposition et tout le matériel de marketing s'y rapportant et replissant les critères precisées à l'article 6 du présent Reglèment ;

9° P**olice de micro-assurance:** une police d'assurance dont la durée ne peut excéder douze (12) mois ;

10° **La micro-assurance**: un arrangement financier visant à protéger les personnes à faible revenu contre des risques spécifiques moyennant les produits spécifiques en échange d'un paiement régulier de la prime proportionnelle à la bukubiyemo ubwishingizi bw'igihe kirekire, ubwishingizi bw'igihe kigufi n'ubwishingizi buciriritse bushingiye ku mategeko ya shariya ariko ntiburimo, ubwishingizi bw'igihe kirekire butegeka umwishingizi kubahiriza inshingano ze n'igihe umufatabwishingizi yaba atakiriho, kwizigamira by'igihe kirekire ndetse na seivisi zerekeye ubwoko bw 'ubwishingizi bw'igihe kirekire ;

11°**Isuzumiro**: icyumba gifunze, kiri ku muyoboro wa mudasobwa, aho abantu bakirimo bashobora gusuzumira igicuruzwa cyabo, serivisi cyangwa umuti w'ikibazo haseguriwe iyubahirizwa ry'ibisabwa muri aya mabwiriza.

<u>Ingingo ya 4</u>: Kurinda ubusugire bw'amagambo « ubwishingizi buciriritse »

Nta muntu wemerewe gukoresha, mu rurimi urwo ari rwo rwose amagambo « ubwishingizi buciririritse » mu izina rya sosiyete ye, izina ry'ubucuruzi rya yo, ikirango cyayo, cyangwa mu iyamamaza rya yo cyangwa mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose ku buryo cyakwerekana cyangwa kikagaragara nk'ibifitanye isano n'umurimo w'ubwishingizi buciriritse atarabiherewe icyemezo nk'ikigo gikora umurimo w'ubwishingizi buciriritse cyangwa

life insurance, general insurance and but it excludes indemnity products, endowment, long-term savings and products of general insurance classes;

11°**Sandbox:** a live, contained environment in which participants may test their product, service or solution subject to the requirements under this Regulation.

<u>Article 4</u>: Protection of the term "microinsurance"

No person shall use, in any language, the word "microinsurance" in its corporate name, trade name, signage or advertisement, or in any other derivative that can indicate or be perceived as related to microinsurance business without being licensed or authorized as dedicated microinsurer, an insurer offering microinsuranc products or a microinsurance intermediary.

probabilité et au coût du risque à encourir. La micro-assurance comprend l'assurance-vie, l'assurance générale et la microtakaful mais exclut les produits indemnitaires, les dotations, les produits d'épargne à long terme et les produits des classe d'assurance générale ;

11°**Sandbox:** environnement en direct et confiné dans lequel les participants peuvent tester leur produit, service ou solution sous réserve des exigences du présent règlement.

<u>Article 4:</u> Protection du terme « micro-assurance »

Personne ne peut utiliser le mot «micro-assurance» dans n'importe quelle langue, dans sa dénomination sociale, son nom commercial, sa signalisation ou sa publicité ou tout autre dérivé pouvant indiquer ou être perçu comme lié à une activité de microassurance sans ou autorisé en tant que microassureur spécialisé, un assureur proposant des produits de microassurance ou un intermédiaire de micro-assurance.

nk'umwishingizi utanga serivisi z'ubwishingizi buciriritse cyangwa umuhuza mu bwishingizi buciriritse.

Ingingo ya 5: Kugaragaza ubwishingizi buciriritse

Serivisi zose z'ubwishingizi buciriritse zigomba kuba zanditseho amagambo « serivisi z'ubwishingizi buciriritse ».

Serivisi cyangwa amasezerano y'ubwishingizi buciriritse zitujuje ibivugwa mu ngingo ya 6 n'iya 8 y'aya mabwiriza ndetse bikaba bitagaragaza amagambo « serivisi y'ubwishingizi buciriritse » ntizemerewe kugurishwa cyangwa kwamamazwa nka serivisi z'ubwishingizi buciriritse.

Ingingo ya 6: Ibiranga serivisi z'ubwishingizi buciriritse

Serivisi z'ubwishingizi buciriritse zigomba kuba zujuje ibi bikurikira:

1° kuba zihendukiye abantu binjiza amafaranga macye batuye mu gace runaka;

2° kuba zishobora kugera ku buryo bworoshye ku abantu binjiza amafaranga macye ;

Article 5: Labelling of microinsurance

All micro-insurance products intended to be underwritten shall bear the words "micro-insurance products".

The products or contract, which do not fulfil features listed in Article 6 and 8 of this Regulation and do not bear the words "micro-insurance products" shall not be sold or marketed as microinsurance products.

Article 6: Features of microinsurance products

The microinsurance products must meet the following:

1° be affordable to low income people in a particular geographical area;

2° be accessible to low income population;

Article 5: Etiquetage du micro-assurance

Tous les produits de micro-assurance destinés à être souscrits doivent porter la mention « produits de micro-assurance ».

Les produits ou contrats qui ne remplissent pas les caractéristiques énumérées à l'article 6 et 8 du présent Règlement et ne portant pas la mention « produit de micro-assurance» ne peuvent être vendus ou commercialisés en tant que produits de micro-assurance.

Article 6: Caractéristiques des produits de micro-assurance

Les produits de micro-assurance doivent répondre aux critères suivants:

1° être abordables pour les personnes à faible revenu dans une zone géographique donnée;

2° être accessibles à la population à faible revenu;

3° kuba ikiguzi cy'ubwishingizi buciriritse kidahanitse ;

4° kuba zigamije kurengera imibereho y'abinjiza amafanga macye zibarinda ibyago runaka;

5° kuba zigaragazwa kuburyo bwumvikana kandi bugaragara nka serivisi z'ubwishingizi buciriritse;

Urwego rushinzwe ubugenzuzi rushobora gushyiraho amabwiriza yerekeye ibindi bigomba kuzuzwa na serivisi z'ubwishingizi buciriritse.

Urwego rushinzwe ubugenzuzi rushobora gutegeka gukura ku isoko serivisi zicuruzwa cyangwa zamamazwa nka serivisi z'ubwishingizi buciriritse iyo rubonye ko izo serivisi zitujuje ibisabwa n'igika cya mbere cy'iyi ngingo.

Ingingo ya 7: Uburenganzira bwo kugurisha serivisi z'ubwishingizi buciriritse zikomatanyije

Uretse ibyo Urwego rushinzwe ubugenzuzi rushobora gutegeka, umwishingizi ukora umurimo w'ubwishingizi buciriritse wahawe icyemezo cyo gukomatanya imirimo

3° be microinsurance involving low levels of premiums;

4° have the objective of protecting the social economic living condition of the low income population against specific risk;

5° be clearly/ visibly labeled as microinsurance products.

The Regulator may issue the directive establishing other microinsurance products features.

The Regulator may order the removal of the products sold or marketed as microinsurance products from the market if it notes that those products do not fulfil the criteria specified in Paragraph One of this Article.

Article 7: Right to sell bundled microinsurance products

Except for conditions that the Regulator may impose, a dedicated microinsurer with a license to carry out a composite microinsurance business can sell bundled microinsurance products.

3° etre une micro-assurance comportant de primes minimes;

4° avoir pour objectif de protéger les conditions de vie socioéconomiques de la population à faible revenu contre des risques spécifiques;

5° être clairement/visiblement étiquetés comme produits de micro-assurance.

Le Régulateur peut émettre une directive établissant d'autres caractéristiques de produits de micro-assurance.

Le Régulateur peut ordonner le retrait des produits vendus ou commercialisés en tant que produits de microassurance sur le marché s'il constate que ces produits ne remplissent pas les critères définis à l'alinéa premier du présent article.

Article 7: Droit de vendre des produits de micro-assurance groupés

A l'exception des conditions que le Régulateur peut imposer, un micro-assureur spécialisé qui a obtenu un agrément pour exercer les activités de microassurance composite peut vendre les produits de microassurance groupés.

y'ubwishingazi ashobora gucuruza serivisi z'ubwishingizi buciriritse zikomatanyije.

Ingingo ya 8: Ibiranga amasezerano y'ubwishingizi buciriritse

Uretse igihe Urwego rushinzwe ubugenzuzi rwabyemeza ukundi mu nyandiko, amasezerano y'ubwishingizi buciriritse agomba:

1° kugaragaza agaciro kishingiwe katagomba guhinduka;

2° kugaraza agaciro ntagibwa munsi kishingiwe;

3° kugaragaza ko igihe umwishingizi azamara yishingiye ibyago kitagomba kurenga amezi cumi n'abiri (12);

4° kudateganya ko ikiguzi cy'ubwishingizi gishobora kwiyongera igihe amasezerano agifite agaciro ;

5° kuvuga ko amasezerano adashobora gutangira gukurikizwa keretse ikiguzi cy'ubwishingizi kimaze kwishyurwa cyose;

6° kugaragaza ko igiciro cya mbere cyishyuwe iyo amasezerano ateganya kwishyura ikiguzi cy'ubwishingizi mu byiciro.

Article 8: Features of microinsurance contract

Unless the Regulator authorizes it otherwise in writing, a microinsurance contract shall:

1° be a fixed sum insurance contract;

2° provide for a maximum sum assured;

3° limit the period for which the insurer is at risk to a maximum period of twelve (12) months;

4° not provide for the premium to increase during the term of the contract;

5° provide that cover under the contract does not commence unless the premium has been paid in full;

6° where the contract provides for payment of the premium by instalments, the first instalment has been paid in full.

Article 8: Caractéristiques de contrat de micro-assurance

A moins que le Régulateur l'autorise autrement par écrit, un contrat de micro-assurance doit:

1° être un contrat d'assurance à montant fixe;

2° prévoir une somme maximale assurée;

3° limiter la période pendant laquelle l'assureur est exposé à risk à douze (12) mois maximum;

4° ne pas prévoir que la prime peut s'augmenter pendant la durée du contrat;

5° prévoir que la couverture du contrat ne commence avant que la prime ne soit payée intégralement;

6° lorsque le contrat prévoit le paiement de la prime par acomptes provisionnels, le premier versement a été effectué intégralement.

Cyakora, aya mabwiriza ntabuza uwo ari we wese utari mu binjiza amafaranga makeya kugura serivisi z'ubwishingizi buciriritse.

Ingingo ya 9: Kubuzwa gutanga serivisi z'ubwishingizi buciriritse zitemejwe

Nta muntu wemerewe gutanga cyangwa kumenyekanisha serivisi z'ubwishingizi buciriritse igihe izo serivisi zitarabanza kwemezwa n'Urwego rushinzwe ubugenzuzi.

Ingingo ya 10: Gukuraho ukwemerwa kwa serivisi z'ubwishingizi buciriritse

Iyo rubonye ko serivisi z'ubwishingizi buciriritse zemejwe hashingiwe ku bisabwa n'ingingo ya cyenda (9) y'aya mabwiriza zitacyujuje cyangwa zitigeze zuzuza ibisabwa n'ingingo ya gatandatu (6) y'aya mabwiriza, Urwego rushinzwe ubugenzuzi rushobora kumenyesha mu nyandiko umwishingizi bireba ko rukuyeho ukwemerwa kwa serivisi z'ubwishingizi buciriritse.

Iyo Urwego rushinzwe ubugenzuzi rumenyesheje mu nyandiko hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ko rukuyeho ukwemerwa kwa serivisi z'ubwishingizi buciriritse, serivisi z'ubwishingizi buciriritse ntiziba zicyitwa

However, any person who is not a low–income person is not prohibited to purchase a micro insurance product.

Article 9: Prohibition to sell unapproved microinsurance products

No person shall sell or market microinsurance product without prior approval of the product by the Regulator.

Article 10: Revocation of approval of microinsurance product

If it considers that a microinsurance product approved subject to the provisions of Article nine (9) of this Regulation no longer satisfies, or never satisfied the criteria specified in Article six (6) of this Regulation, the Regulator may issue to the insurer concerned a written notice revoking its approval of the microinsurance products.

If the Regulator issues a written notice of revocation under paragraph one of this article, the insurance contract ceases to be a microinsurance contract for the purposes of this Regulation, with effect from the date of

Toutefois, rien dans le présent Règlement ne doit être considéré comme empêchant l'achat de produits de micro-assurance par une personne qui n'est pas une personne à faible revenu.

Article 9: Interdiction de vendre des produits de micro-assurance non- approvés

Nul ne peut vendre ou faire le marketing le produit de micro-assurance sans approbation préalable de ce produit par le Régulateur.

Article 10: Révocation de l'approbation de produit de micro-assurance

S'il considère qu'un produit de micro-assurance approuvé suivant les dospositions de l'article neuf (9) du présent reglèment ne remplit plus ou n'a jamais satisfait aux critères énoncés à l'article six (6) du présent règlement, le Régulateur peut donner à l'assureur concerné un avis écrit révoquant l'approbation de ces produits de micro-assurance.

Lorsque le Régulateur donne un avis de révocation par écrit suivant les dispositions de l'alinéa premier du présent article, les produits de micro-assurance cessent d'être appelés un produit de micro-assurance aux fins du présent Règlement, avec effet à la date de l'avis ou à iz'ubwishingizi buciriritse kubera impamvu ziteganywa n'aya mabwiriza uhereye ku itariki inyandiko ibimenyesha yatangiweho cyangwa ku itariki Urwego rushinzwe ubugenzuzi rushobora kumenyesha.

Ivanwaho ry'iyemezwa rya serivisi z'ubwishigizi buciriritse rivugwa mu gika cya mbere (1) n'icya kabiri (2) by'iyi ngingo ntibivanaho inshingano ikigo gikora umurimo w'ubwishingizi buciriritse cyangwa umwishingizi utanga serivisi z'ubwishingizi buciriritse yari afite zishingiye ku masezerano ya serivisi zakuweho.

UMUTWE II: IBISABWA MU KWEMERERWA GUKORA UMURIMO W'UBWISHINGIZI BUCIRIRITSE

Icyiciro cya mbere: Kwemerera ikigo cyifuza gukora umurimo w'ubwishingizi buciriritse

Ingingo ya 11: Icyemezo cyangwa uburenganzira bwo gukora umurimo w'ubwishingize buciriritse

Icyemezo cyangwa uburenganzira bwo gutanga gukora umurimo w'ubwishingizi buciriritse bitangwa n'Urwego rushinzwe ubugenzuzi.

the notice or such later date as the Regulator may specify in the notice.

The revocation of the approval of microinsurance product referred to in the provisions of paragraph one and two (1&2) of this Article shall not preclude a dedicated microinsurer or insurer offering microinsurance products from respecting its obligations under the revoked contract.

CHAPTER II: LICENCING AND AUTHORISATION REQUIREMENTS TO CARRY OUT MICROINSURANCE BUSINESS

Section One: Licensing requirements for dedicated microinsurers

Article 11: License or authorisation to carry out microinsurance business

The Regulator grants the license or autorisation to carry out the microinsurance business.

toute date ultérieure qui serait spécifiée par le Régulateur.

La révocation de l'approbation d'un produit de microassurance visée aux alinéas premier et deux (1&2) du présent article n'empêche pas un micro-assureur spécialisé ou un assureur proposant des produits de micro-assurance de respecter ses obligations en vertu du contrat révoqué.

CHAPITRE II: CONDITIONS D'AGREMENT ET D'AUTORISATION POUR EXERCICE DE L'ACTIVITE DE MICRO-ASSURANCE

Section première: Conditions pour l'agrément d'un micro-assureur spécialisé

Article 11: Agrément ou autorisation d'exercer une activité de micro-assurance

L'agrément ou l'autorisation d'exercer une activité de micro-assurance est octroyé par le Regulateur.

Ingingo ya 12: Imari shingiro isabwa Ikigo gishaka gukora umurimo w'ubwishingizi buciriritse

Umuntu ushaka gukora umurimo w'ubwishingizi buciriritse nk' Ikigo gikora umurimo w'ubwishingizi buciriritse agomba kugira imari shingiro ingana na miliyoni maganabiri z'amafaranga y'u Rwanda (FRW200.000.000) ku bwishingizi buciriritse bw'igihe kirekire cyangwa ubw'igihe kigufi cyangwa miliyoni maganatatu (FRW300.000.000) z'amafaranga y'u Rwanda ku ushaka gukomatanya ubwishingizi buciriritse bw'igihe kigufi n'ubw' igihe kirekire.

Ingingo ya 13: Dosiye isaba icyemezo

Umuntu wese wifuza gukorera umurimo w'ubwishingizi buciriritse mu Rwanda agomba kubisaba Urwego rushinzwe ubugenzuzi akoresheje impapuro zisaba ziri ku **Mugereka A**. Izo mpapuro zigomba kuba ziherekejwe na :

1° icyemezo cy'ishingwa gitangwa n'Umwanditsi Mukuru w'Amasosiyete y'Ubucuruzi nka sosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ;

Article 12: Required capital for a dedicated microinsurer

A person wishing to carry out microinsurance business as a dedicated microinsurer shall have at least a minimum paid up capital of two hundred (FRW 200,000,000) million Rwandan francs for either life microinsurance business or non-life microinsurance business and three hundred (FRW 300,000,000) million for the composite microinsurance business.

Article 13: Application file for a license

Any person who wishes to carry out microinsurance business in Rwanda apply to the Regulator in a prescribed Application Form set out in **Appendix A**. The form shall be accompanied by:

1° certificate of incorporation provided by the Registrar General of companies as a public limited company;

Article 12: Capital exigé pour micro-assureur spécialisé

Une personne qui veut exercer des activités de micro-assurance en tant que micro-assureur spécialisé doit disposer d'au moins un capital libéré de deux cent (FRW 200.000.000) million de francs rwandais pour l'activité de micro-assurance vie ou non-vie et de trois cent (FRW 300.000.000) million de francs rwandais pour l'activité de micro-assurance composite.

Article 13: Dossier de demande de l'agrément

Toute personne souhaitant exercer une activité de micro-assurance au Rwanda doit adresser au régulateur au moyen d'un formulaire de demande prescrit en **Annexe A**. Ce formulaire doit être accompagné de:

1° certificat de constitution delivré par le Registraire Général des sociétés atant qu'une société publique à responsabilité limitée;

2° inyandiko igaragaza uko imari shingiro yishyuwe nk'uko bisabwa n'ingingo ya cumi na kabiri (12) y'aya mabwiriza;

3° icyemezo kigaragaza ibitsa ry'iyo mari kuri konti idakorwaho kugeza igihe icyemezo gitangiwe cyangwa kidatangiwe;

4° ifishi yujujwe neza n'uhagarariye abagize igitekerezo cyo gutangiza ubucuruzi;

5° inyandiko y'imenyekanisha bwite ndetse n'amakuru arambuye yerekeye abafite imigabane itubutse, abagomba kujya mu nama y'ubutegetsi, ndetse n'abayobozi bakuru;

6° inyandiko yerekeye imiterere y'imigabane ikubiyemo amazina, ubwenegihugu, agaciro k'imigabane yaba igomba kwishyurwa cyangwa iyishyuwe;

7° kubijyanye n'usaba ariko w'umunyamahanga, dosiye isaba igomba kuba iherekejwe n'inyandiko y' Urwego rushinzwe ubugenzuzi ihamya ko yabanje kwemera cyangwa ko nta kibazo ifite ku byerekeye ishingwa ry'iyo sosiyete igiye kubyara kandi ko

2° evidence of the subscription of the share capital provided for by Article twelve (12) of this Regulation;

3° a certificate of deposits in a fixed company's bank account until the application for license is granted or rejected;

4° duly application form filled by the representative of the promoters of the business;

5° personal declaration forms and details about the qualifying shareholders, proposed Board of Directors and senior managers;

6° shareholding structure including list of names, nationality, value of subscribed and paid up shares;

7° with respect to foreign applicants, the application shall also be accompanied by a statement from the home supervisory authority declaring that it has given prior approval or a non-objection for the establishment of a subsidiary that

2° la preuve de la souscription du capital social prévu à l'article douze (12) du présent Règlement;

3° l'attestation des dépôts sur le compte bancaire bloquée d'une entreprise jusqu'à ce que la demande d'agrément soit accordée ou rejetée;

4° formulaire de demande dûment rempli par le représentant des promoteurs de l'entreprise;

5° les formulaires de déclaration personnelle et les détails concernant les actionnaires qualifiés, le conseil d'administration proposé et les cadres dirigeant;

6° structure de l'actionnariat comprenant la liste des noms, la nationalité, la valeur des actions souscrites et libérées;

7° en ce qui concerne les déposants étrangers, la demande doit également être accompagnée d'une déclaration de l'autorité de su du pays d'origine déclarant qu'elle a préalablement donné son accord ou qu'elle n'a pas fait objection à la création d'une filiale abafite imigabane itubutse, abari mu nama y'ubutegetsi ndetse n'abayobozi bakuru bose hamwe bujuje ibisabwa bijyanye n'ubushobozi, n'ubudakemwa mu mico no mu myitwarire;

8° amategeko shingiro ndetse n'inyandiko z'ubwumvikane ;

9° ubumenyi bwerekeye imirimo y'ibanze, uburambe, amashuri, ubwenegihugu ndetse n'andi makuru byerekeye abayobozi bakuru n'abakozi b'ingenzi;

10° gahunda y'ibikorwa n'iyimari ikubiyemo, konti y'ibiteganywa kwinjizwa, ifoto y'umutungo w'isosiyete, uko umutungo uzinjira n'uko uzasohoka ndetse n'ubusesenguzi bukorwa ngo hateganywe ibizava mu cyemezo cyafashwe hashingiwe ku mpamvu zitandukanye, nibura mu gihe cy'imyaka itatu;

11° politiki y'ubwishingizi bw'abishingizi, ibyo yashinganye mu bwishingizi bw'abishingizi kuri buri bwoko bw'umurimo;

the applicant's qualifying shareholders, directors and senior management, as a whole, are fit and proper persons;

8° articles of association and memorandum of understanding;

9° the technical expertise, qualifications, experience, nationality and other relevant information on the proposed management and key staff;

10° the business plans including revenue account, balance sheet, cash flow projections and sensitivity analysis for at least three years;

11° the reinsurance policy, and the company's net retention in each class of business;

ou de tout autre bureau au Rwanda et que les actionnaires qualifiés du demandeur, administrateurs et membres de la haute direction, dans leur ensemble, sont des personnes compétentes et d'intégrités;

8° statuts et acte de constitution ;

9° l'expertise technique, les qualifications, l'expérience, la nationalité et d'autres informations importantes sur le personnel de la haute direction proposée et le personnel clé;

10° Les plans d'affaires et financiers, y compris le compte de produits, le bilan, les projections de flux de trésorerie et l'analyse de sensibilité pour au moins trois ans;

11° la politique de réassurance et la rétention nette de l'entreprise dans chaque catégorie d'activité;

12° imiterere y'imicungire y'ibyateza ingorane harimo n'uburyo bwo gucunga uko raporo zikorwa;

13° impuguke ya sosiyete mu mibare y'ubwishingizi ndetse n'umugenzuzi wigenga wayo;

14° ikimenyetso cy'iyishyurwa ry'amafaranga ibihumbi maganatanu (FRW 500,000) y'ugusaba adasubizwa;

15° aderisi y'aho ategenya gushyira ikicaro;

16° inyandiko yemeza ko amafaranga ashorwa adaturuka mu bikorwa binyuranije n'amategeko nk'uko bitegaywa ku mugereka wa D w'aya mabwiriza;

17° andi makuru Urwego rushinzwe ubugenzuzi cyasanga ari ngombwa mu gusuzuma ugusaba.

<u>Ingingo ya 14</u>: Ibyitabwaho mu gutanga icyemezo

Mu gusuzuma ugusaba, Urwego rushinzwe ubugenzuzi rusuzuma niba:

12° the risk management structure and systems including management reporting systems;

13° the actuaries and external auditors of the company;

14° evidence of payment of the non-refundable application fees of five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000);

15° address of Proposed business location / Head office;

16° statement that the invested funds are not coming from illegal activities as per appendix D of this Regulation

17° any other information that the Regulator deems necessary to assess the applicant.

<u>Article 14</u>: Criteria for granting a lincense

In considering the application, the Regulator has to satisfy itself that:

12° la structure et les systèmes de gestion des risques, y compris les systèmes de gestion des rapports;

13° les actuaires de la société et ses auditeurs externes;

14° la preuve de paiement de cinq cent mille francs rwandais (FRW 500.000) non remboursables des frais de traitement de dossier ;

15° adresse du lieu d'affectation proposé / siège social ;

16° déclaration indiquant que les fonds investis ne proviennent pas d'activités illégales comme prévus à l'annexe D du présent règlement;

17° toute autre information que le Regulateur peut exiger pour une évaluation appropriée de sa demande.

<u>Article 14:</u> Critères d'octroi de l'agrément

En considérant l'application, le Régulateur doit s'assurer que:

1° mu miterere y'imigabane ya sosiyete harimo umucyo uhagije;

2° imali ishorwa itavuye mu bikorwa bitemewe n'amategeko cyangwa bikemangwa;

3° abafite imigabane itubutse bafite isura nziza mu murimo w'ubucuruzi, ubunyangamugayo, imari ihagaze neza n'ubushobozi bwo gutanga izindi nkunga muby'imari biramutse bibaye ngombwa;

4° abafite imigabane itubutse, abari mu nama y'ubutegetsi, abakozi bakuru, abagenzuzi n'impuguke mu mibare y'ubwishingizi bujuje ibisabwa mu kuzuza inshingano zabo;

5° abari mu nama y'ubutegetsi n'abakozi bakuru bafite ubumenyi bwo gukorana ubuhanga n'ubushobozi bwo guhangana;

6° uburyo bwo gucunga ibyago bw'usaba harimo n'uko amasezerano y'ubwishingizi bw'abishingizi azajya akorwa, imigenzurire y'imbere, uburyo bw'ikoranabuhanga, gahunda n'imigenzo biberanye n'imiterere n'ingano by'ibikorwa biteganyijwe;

1° there is sufficient transparency in the shareholding structure of the company;

2° the funds to be invested do not come from illegal or suspicious activities;

3° the qualifying shareholders possess good business standing, integrity, financial strength and ability to provide further financial support, if necessary;

4° the qualifying shareholders, directors, senior managers, auditors and actuaries of the company are fit and proper to fulfill their roles;

5° directors and senior officers are qualified to conduct the business competently and competitively;

6° the applicant's risk management systems including reinsurance arrangements, internal control systems, information technology systems, policies and procedures,

1° la structure de propriété de la société est suffisamment transparente;

2° les fonds investis ne proviennent pas des activités illégales ou suspectes ;

3° les actionnaires majoritaires disposent d'une bonne position dans les affaires, intégrité, stabilité économique, la capacité de fournir le soutien financier au cas de besoin;

4° les actionnaires, administrateurs, membres de la haute direction, auditeurs et actuaires de la société remplissent les critères d'aptitude et d'intégrité pour leurs fonctions;

5° les administrateurs et dirigeants sont qualifiés pour mener les affaires avec compétence et concurrence;

6° les systèmes de gestion des risques du demandeur, y compris les accords de réassurance, les systèmes de contrôle interne, les systèmes informatiques, les politiques et les procédures, sont adaptés à la nature et à l'ampleur des opérations commerciales proposées;

are adequate for the nature and scale of the proposed business operations;

7° gahunda y'imirimo n'iy'imari byerekana umurongo w'imirimo n'imiterere y'ibyishingiwe kandi itanga ibisobanuro birambuye by'amafaranga azagenda mu ntangiriro z'umurimo, n'uko imari-shingiro iteye;

8° inyungu za rubanda zizaba zitaweho igihe icyemezo cyaba gitanzwe;

9° aho azahererereza ibikorwa bye hagaragaza inyubako izakorerwamo, uburyo bw'ikoranabuhanga n'umutekano wayo, kuba ibiro ndetse n'ibijyanye nabyo bimeze neza.

<u>Ingingo ya 15</u>: Imihango yo gutanga icyemezo

Ikimara kwakira inyandiko isaba icyemezo hamwe n'amafaranga y'isaba ndetse n'ibyangombwa bisabwa biyiherekeje, Urwego rushinzwe ubugenzuzi rwohereza usaba mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi ibaruwa yemeza ko byakiriwe cyangwa ibaruwa ivuga ibiburamo.

Ibaruwa ivuga ibiburamo igaragaza ibituzuye mu nyandiko isaba, ikagena igihe ntarengwa cyo guhindura ibituzuye kandi ikanasobanura ko nta

7° the business plans and financial plans reflect the business lines and risk profile and give details of projected setting-up costs, and the capital structure;

8° the public interest would be served by granting the license;

9° business location including the office premises, IT system and security, office layout and related facilities are suitable.

<u>Article 15:</u> Procedures for granting a license

Upon receipt of the Application Form together with the application fee and required supporting documents, the Regulator shall, within seven (7) working days, send to the Applicant a formal letter of acknowledgement or a letter of deficiency.

A letter of deficiency shall outline the deficiencies in the application; provide a deadline for rectification of the deficiencies

7° les plans de la société et les plans financiers reflètent les secteurs d'activité et le profil de risque et détaillent les coûts de mise en place prévus ainsi que la structure du capital;

8° l'intérêt public serait servi en accordant un agrément;

9° emplacement d'affaires, y compris les bureaux, le système informatique et sa sécurité, la disposition des bureaux et les installations connexes sont appropriés.

<u>Article 15</u>: Procédures d'octroi de l'agrément

Sur réception du formulaire de demande accompagné des frais de dossier et des pièces justificatives requises, le Régulateur envoie au demandeur, dans un délai de sept (7) jours ouvrables, une lettre officielle d'accusé de réception ou une lettre de déficience.

Une lettre de déficience doit décrire les lacunes de la demande; fixer un délai pour la rectification des informations manquantes et kindi kizakorwa n'Urwego rushinzwe ubugenzuzi igihe ibibura bitaruzuzwa mu gihe cyagenwe.

Mu gihe cy'amezi atatu (3) uhereye ku itariki ibyangombwa bisaba byuzuye byakiriweho, Urwego rushinzwe ubugenzuzi rufata umwanzuro wo kwemera cyangwa kwanga isaba kandi imenyesha uwasabye mu nyandiko umwanzuro yafashe.

Iyo Urwego rushinzwe ubugenzuzi rwanze cyangwa ntirwakire ugusaba kw'icyemezo, ruha mu nyandiko uwasabye impamvu z'uwo mwanzuro.

Iyo Urwego rushinzwe ubugenzuzi rwemeje gutanga icyemezo, rumenyesha usaba icyemezo cyarwo.

__Ingingo ya 16__: Kugaragaza icyemezo

Icyemezo kimanikwa buri gihe ahantu hagaraga ku biro bikuru by'umwishingizi bireba, na kopi za cyo zigashyirwa mu buryo bumwe ahantu hagaragara muri buri shami rye.

and state that the Regulator shall take no further action unless the deficiencies are rectified within the prescribed period.

The Regulator shall, within three (3) months from the date of the receipt of the complete application, decide to approve or refuse the application and notify the decision to the applicant in writing.

If the Regulator refuses or rejects an application for license, it shall provide written reasons for its decision to the applicant.

Where the Regulator decides to grant a license, it shall, in the notice communicate the decision to the applicant.

__Article 16__: Display of the license

The license shall be displayed at all times in a conspicuous place at the head office of the concerned dedicated microinsurer, and copies of it shall be similarly displayed in a conspicuous place at each of its branch offices.

indiquer qu'aucune autre mesure ne sera prise par le Régulateur à moins que les informations manquantes ne soient corrigées dans le délai prescrit.

Dans un délai de trois (3) mois à compter de la date de réception de la demande complète, le Régulateur décide d'approuver ou de refuser la demande et de notifier la décision par écrit au demandeur.

Si le Régulateur refuse ou rejette une demande d'agrément, il doit motiver sa décision par écrit.

Lorsque le Régulateur décide d'accorder un agrément, il doit, dans l'avis, en communiquer la décision au demandeur.

__Article 16__: Affichage de l'agrément

L'agrément doit être affiché à tout moment à un endroit bien en vue au siège social du micro-assureur spécialisé concerné, et des copies de celle-ci doivent être également affichées à un endroit visible dans chacune de ses succursales.

Ingingo ya 17: Agaciro k'icyemezo

Icyemezo gihawe Ikigo gikora umurimo w'ubwishingizi buciriritse n'Urwego rushinzwe ubugenzuzi kigumana agaciro kacyo kugeza igihe gikuriweho.

Ingingo ya 18: Amafaranga y'icyemezo n'ay'ubugenzuzi

Amafaranga y'icyemezo y'ibanze ahwanye n'ibihumbi maganatanu by'amafaranga y'u Rwanda (FRW 500.000) aba ngombwa kandi akishyurwa vuba nyuma y'imeyeshwa ry'umwanzuro wo gutanga icyemezo.

Nyuma yo kwemererwa, ikigo gikora umurimo w 'ubwishingizi buciriritse kigomba kwishyura Urwego rushinzwe ubugenzuzi amafaranga y'ubugenzuzi angana n'ibihumbi maganatanu by'amafaranga y'u Rwanda (FRW500.000) agomba kwishyurwa ku munsi wa 31 w'ukwezi kwa mbere kwa buri mwaka cyangwa mbere yaho kugeza igihe icyemezo kivaniweho.

Ingingo ya 19: Ibibujijwe bijyana n'icyemezo

Ikigo gikora umurimo w'ubwishingizi buciriritse ntabwo gikora undi murimo uwo ariwo wose cyangwa ibindi bikorwa mu Rwanda cyangwa ahandi bitari umurimo w'ubwishingizi buciriritse yaherewe icyemezo.

Article 17: The validity of license

A license granted by the Regulator to a dedicated microinsurer shall remain valid until revoked.

Article 18: License and supervision fee

An initial license fee of five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) shall become due and payable soon after notification of the decision to grant a license.

After the license is issued, a dedicated microinsurer shall pay an annual supervision fee of five hundred thousand Rwandan francs (FRW500, 000) to Regulator on or before the 31st day of January each year until the license is revoked.

Article 19: Restrictions on License

A dedicated micro insurer shall not carry on any other business or activities in Rwanda or elsewhere other than the microinsurance business it has been licensed for.

Article 17: La validité de l'agrément

Un agrément accordé par le Régulateur à un microassureur spécialisé reste valable jusqu'à sa révocation.

Article 18: Les frais d'agrément et de supervision

Les frais de demande initiale de cinq cent mille francs rwandais (FRW 500.000) sont dûs et payables peu après la notification de la décision d'octroi d'agrément.

Après l'octroi de l'agrément, un micro-assureur spécialisé doit verser les frais annuels de cinq cent mille francs rwandais (FRW500.000) de supervision au Régulateur au plus tard le 31 janvier de chaque année jusqu'à ce que l'agrément soit révoqué.

